C f

K0206550



| | |
|---|---|
| ***IDENTIFICATION*** | ***: RTLM 0031*** <br> ***19 /6 /94*** |
| ***DURÉE*** | ***: 90 Min*** |
| ***QUALITE*** | ***: Pas très bonne.*** |
| ***TRANSMISSION*** | ***: Radio-Rwanda*** |
| ***NOM DU TRANSCRIPTEUR*** | ***: UWIMANA Rosine*** |
| ***DATE DE TRANSCRIPTION*** | ***: Le 28/02/2000*** |
| ***NOM DU FICHIER*** | ***: RTLM 0031*** |
| ***DICTAPHONE*** | ***: S/N°516567*** |

Cassette n°0031 transcrite par U.R.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

... mu bitugu rukaba maso noneho koko abantu bagakora icyo bita kuba "en état d'alerte totale" n'abaturage kuko FPR-Inkotanyi dusanzwe tuzi imigambi yayo nuko igiye ubu ngubu kugerageza yo gukora "offensive générale" kugira ngo irebe ko yadufata mbere yuko izo ngabo ziza. Ni ukuvuga rero ko ndetse ubundi abamenyera imigambi ya FPR iyo ivuze ikintu iba ishaka kugikora. Radiyo y'Ubufaransa rero yatangaje ko Radiyo isanzwe izivugira ko FPR-Inkotanyi yamaze kugota umujyi wa Kigali, akaba aribyo ishaka. Muzi ko yatangiye ivuga ko igiye gufata Kigali mu ma saha, amasaha aza kubyara iminsi, iminsi iza kubyara amezi none bati imaze kuyigota igihe se itayigose ni ryari? Ni ukuvuga rero ko muri iki gihe, muri iki gihe aba officiers ingabo z'u Rwanda, urubyiruko, abaturage twese tugombye kuba maso tukareba ukuntu twahashya FPR-Inkotanyi mu maguru mashya kuko yo umugambi wayo ari ukugira ngo vuba na bwangu itugote koko izo ngabo zitaraza noneho zisange bamaze kudutsemba. Ubwo rero iyo umuntu yirwanaho ntabwo abura imbaraga nkagira ngo imbagara dufite zose tuzikoreshe, imbaraga dufite zose tuzirohe mu ntambara nk'uko ejo bundi byagenze Nyamirambo igihe Inkotanyi zahuruye zivuye kw'i Rebero zivuza induru nuko noneho ingabo zacu zikabona urubyiruko ruje kuzifasha narwo rukavuza induru ruturutse hirya noneho Inkotanyi zumvise ko Interahamwe n'urundi rubyiruko bavuza induru ziza ziruka zigira ngo n'abazihuruye nuko zihasiga agatwe nibwo mwumvise ingabo zacu zahavanye iminyago zirimo cya kibunda kirasa kivubura bita "canon sans recul" ndetse n'ikindi kitwa ..................... Ubu rero noneho ni ukuba maso kurusha igihe twatangiriye intambara kuva uyu munsi, kuva iri joro kandi Inkotanyi zongeye gutera na hariya ku Gisozi zigana muri serire Kabakene ni ukuvuga rero ko ingabo, Interahamwe, rubyiruko mu kwiye kumanuka mukagana hariya muri serire Kabakene maze tukazikubita inshuro zika... ntihagire ihava ahubwo mukazitangatanga noneho tugaheraho dukora icyo bita offensive générale ubwo ibikoresho byabonetse ntihagire Inkotanyi idutsi... iducika ndetse n'abasirikare bari inyuma nahoze mvuga ...OPS...... Rulindo bagatangira kuzigota noneho rero zikicuza icyazizanye koko Kagame akumva ko nk'uko général Bizimungu araye amushimye akumva ko igihe avuga ngo ingabo ze ntizisubire inyuma ntizizahasubire koko zizahagume ariko zihagume zitari nzima. Dukomeze rero twumva umuzika ubwo turaza kubagezaho mu mwanya ni tumara kubona amakuru y'urugamba uko ameze

turabagezaho ariko icyo mbahamagariye ni ukuba maso, ni ukuba maso, ni ukuba maso ubugira 3 kandi abashinzwe imirwano bakarushaho gusa nkaho bashize imitima yabo hamwe imitima yabo ikajya ku rugamba ntihagire ahandi yerekera noneho tukiga koko uko twatsinsura izi Nkotanyi nuko ahubwo twazitsemba.

(Muzika).

Orateur : GAHIGI Gaspard.

Inkuru ikomeye ivugwa muri iki gitondo ari ukuza kw'ingabo z'Ubufaransa mu gihugu cyacu akaba ari ikibazo noneho cy'iminsi ndetse cy'amasaha nta gihe rero kinini gisigaye kugira ngo izo ngabo zisesekare mu Rwanda ibyo bikaba bitangazwa na Perezida w'Ubufaransa Fransisko Mitterand wabitangaje ejo ndetse bigasubirwamo bikemezwa na Ministre w'ububanyi n'amahanga w'icyo gihugu uri mu rugendo muri Sénégal Alain Juppé. Ubwo reroPerezida Mitterand avuga ati hasigaye gusa icyemezo cy'inama ishinzwe amahoro ku isi y'umuryango w'abibumbye ati kandi projet yaratanzwe kandi dufite icyemezo ko eu... Boutros Ghali yabyemeye kandi nkabibutsa ko Ubufaransa ari kimwe mu byicaye muri iyo nama ishinzwe amahoro kw'isi umuryango w'abibumbye ko rero koko icyo cyemezo iyo projet ishobora kuvamo icyemezo izo ngabo zikaza.

Kandi Perezida François Mitterand yavuze ati byanze bikunze izo ngabo zizaza ubwo rero ni ukuvuga ko tuzitegereje, hanyuma ikindi cyavuzwe nuko FPR yahise ivuga iti abayoboke banjye bose baba mu Rwanda baba mw'isi hose ati muhaguruke turwanye icyo cyemezo cy'Ubufaransa yo yita ko ari icyemezo kibisha. Ubwo rero twababwiye ko dutegereza mu Rwanda tukarushaho kuba maso kuko iby'Inkotanyi ntawabimenya bihinduka nk'ijuru, ejo bundi wajya kubona ukabona ahubwo ni twebwe zerekanye nk'umwanzi zigadutunga agatoki ugasanga ari twe bambuye imbunda noneho FPR ikadufata mpiri.

Navuze rero ko abahanga mu bya gisirikare bakwiye kutwigira uko tuzifata izo ngabo ziramutse zigeze ino aha kuko ibya FPR-Inkotanyi ama... amayeri yayo ntawuyayobewe. Iyo umuntu rero atewe

aritabara muzi ko Inkotanyi arizo zaduteye muri 90 zivuga ko zizanye demokarasi turitabara tuza kugera ku Masezerano ya Arusha tuza kugeza aho tuvuga ngo tugabanye imyanya tugiye kuvanga abasirikare zihubura imirwano sinzi niba mu mateka (arakoroye) y'iki gihugu (arakoroye mu mbabarire mu mateka y'iki gihugu itariki tuzajya tuvuga FPR yuba... yuburiyeho imirwano bamwe bavuga iya 7 ariko njye mvuga iya 6 kuko igihe zije... zishe Perezida wa Repubulika ku itariki ya kari... ya 6 y'ukwezi kwa 4 aribwo zari zitangiye intambara. Ariko bamwe bavuga ko zayubuye ku ya 7 ubwo ni ikibazo i... cya ngombwa nuko zayubuye gusa twaratewe tukagomba rero kwitabara.

............6.4.

Mu kwitabara rero nta muntu ugomba kujenjeka kuko iyo umuntu aguteye aba yashyizemo icyo bita le paquet aba yashyizemo ingufu ze zose FPR yashyizemo ingufu zayo zose Museveni azifungurira ibigo byose aziha abasirikare, aziha amasasu ubwo rero igihe umuntu atewe agomba kwitabara. Muri uko kwitabara rero tukavuga ko ntawugomba kujenjeka. Muri iki gihe ndetse havugwa iby'ingabo... byo kuza kw'ingabo z'Ubufaransa ndetse bakavuga ko ibikoresho byazo byamaze kugera ku mupaka w'u Rwanda ubwo rero nababwiye ko uyu munsi icyo twabahamagarira ari ukuba maso mukaba maso mukaba maso ubugira gatatu noneho ba officiers bacu bakaba maso, baka.... bakajya hamwe bakaba mbese état major koko igakora tukiga ukuntu twarwanya uriya mwanzi. Ba... ingabo zose, urubyiruko, Interahamwe, abaturage twese tukaba maso ubugira gatatu. Mbese e... tukarwana kurusha uko twari... twarwanaga kuko FPR ishaka kutugota mbere yuko izo ngabo zisesekara ino aha.

Ubwo rero uko kuba maso uko kurushaho kuba maso tubivuge mu magambo wenda anyuranye ni ukuvuga gukaza umurego, ni ukuvuga kwiminjiramo agafu, ni ukuvuga kwinyara mw'isunzu, ni ukuvuga kuba maso kurusha ubusanzwe noneho umwanzi ntadufatane... ntadufate mpiri. Ubwo rero Kantano amaze kugera hano mu mwanya nkagira ngo muhe ijambo nawe abasuhuze abashyushye nkuko abisanganywe, ariko hari inkuru yatangaje ejo nagira ngo mbasubiriremo, avuga ko ngo njye ni GAHIGI Gaspard wivuga ngo GAHIGI Gaspard na Kantano HABIMANA ngo tugomba kujya kuburana i Paris mu bufaransa ngo kuko batureze ibyo twakoze kuri RTLM ngo kandi turi abanyamakuru babyize mu ishuri, navuze rero njyewe ko ntashobora kujya i Paris muri iki gihugu

dufite ubutabera ubwo rero nituramuka dutsinzwe njye nemera ko nituramuka dutsinzwe Inkotanyi zi..........(inaudible) zikajya kumburanisha kuburana i Paris ubwo na KANTANO zizamujyana ariko nituramuka dutsinze turumva tuzatsikama ntaho tuzajya kuko ni ikibazo cyo gutsinda no gutsindwa dutsinzwe uwo ari we wese Inkotanyi zizamukoresha icyo zishatse, dutsinze kandi ntacyo zavuga. Ubwo rero akaba ari ikibazo gikomeye cyo kuvuga ngo GAHIGI na Kantano ngo bazajya kuburanishwa ni amayeri Inkotanyi zikomeje gukora kuko Inkotanyi zitera muzi ko zari zifite Radio Muhabura izivuganira ivuga amatwara yazo, ivuga imigambi yazo ubwo rero u Rwanda rutewe yaba Radio Rwanda yari yaragoswe ikibohoza yaba RTLM irwanira Repubulika nta rubanza na rumwe wayicira kuko intambara irwanwa kwinshi ubwo rero uwacira urubanza ahubwo yarucira KAGAME wamarishije Abanyarwanda ku icumu, yarucira KANYARENGWE, yarucira n'izindi Nkotanyi ntabwo rero yarucira GAHIGI na Kantano, ntabwo yarucira Abanyarwanda birwanaho kuko twaratewe turitabara.

Urwo rubanza rero ntarwo tuzajyamo ndetse na Kantano nzamwumvisha ko ntarwo azajyamo kuko niyarujyamo yarutsindwa kuko uwatsinzwe aba yabaye umunyago ubwo rero baba batujyanyeho nk'umunyago ntabwo tuzaba umunyago nicyo gituma tugomba kurwana byaba ngombwa tukarwana tugaramye ariko Inkotanyi ntizidufate mpiri. Mukomeze rero mwumva umuzika mu mwanya Kantano arabasuhuza.

(Muzika 10.0 à 16.5)

Orateur : Kantano.

...ein! Radio yanyu yigenga ivugira hano i Kigali nyuma ya mugenzi wanjye GAHIGI Gaspard burya baca umugani ngo ahari abagabo ntiharwa abandi mu kanya rero nari natinze gato cyane cyane nkurikirana ibintu byabereye hariya mu isoko rya Nyarugenge aho blindé yazindutse irasa inzu iri iruhande rwo kwa Nyirimanzi, inzu basaniragamo inkweto yitwa Asco hanyuma ngira ngo ndebe ibintu byabereyemo uko bimeze ubwo rero mu kanya ndaza kubibatekerereza kubera ko nagerageje kubikurikira uretse ko ntamenye iherezo ryabyo. Abumva Radio yigenga RTLM kuri iki cyumweru cy'itariki ya cumi n'icyenda z'ukwa gatandatu mirongo icyenda na kane ndabashuhuje mwese

mukomere, mukomere aho muri hose mwihangane, mwihangane turi mu bihe bikomeye ariko amaherezo Imana nibishaka tuzabivamo kandi biragaragara, ibimenyetso byinshi birimo biragaragaza yuko turimo tubivamo ku buryo rero dushobora mu by'ukuri kwizera gutsinda mu masaha make ari imbere tugatsinda burundu Inyenzi Inkotanyi mu Rwanda ntihazongere kuvugwa intambara ukundi mu bana mu buzukuru no mu buvivi. Ubu rero kuri iki cyumweru mbese ubu bamwe ahari za kiliziya zikora bagiye gusenga ndakeka ko ikintu bose basabira ari amahoro, amahoro burya ni ngombwa uretse abanzi bayo nabo babaho uko abantu bakunda amahoro habaho n'abanzi bayo, abanzi bayo muri iki gihugu cy'u Rwanda muri iki gihugu cy'u Rwanda ndetse muri aka gace kose ko hagati muri Afrika nta bandi banzi b'amahoro ubu ngubu bavugwa uretse Inyenzi Inkotanyi.

..............17.9.

Ubwo rero ni ugusaba amahoro umuntu anazisabira kugira ngo zumve ukuri zumve ko mu by'ukuri gukomeza kwihamba ngo uri umurwanyi kandi ari ko mpfa buri kanya, ari ko mpfa buri munsi mu by'ukuri ntabwo uba wunguka ahubwo uba uhomba. Hnayuma icyo abantu bavuga se muri iki gihe ni iki? Nkuko mugenzi wanjye GAHIGI Gaspard yabivuze nyine ikintu inkuru ivugwa muri iki gihe, inkuru twiteguye kandi dutegereje ni iy' abasirikare b'abafaransa bagiye kuza mu Rwanda bageze ku bihumbi bibiri ntabwo rero ari abasirikare bakeya ubundi Abafaransa bahoze ino baraje kudufasha nako ku....kudufasha kugarura amahoro mu gihugu hanyuma noneho Inkotanyi kubera na Guverinoma z'ibyitso ziti ntabwo nyine Abafaransa ni bave mu gihugu, Abafaransa bagenda bahambiriye batareba inyuma kandi ku buryo butumvikana ariko ari amayeri y'Ababiligi nyine kugira ngo babasimbure hanyuma baze bakore ibyo bashaka ibyo badukoreye Ababiligi mwarabibonye bishe Perezida wa Repubulika hanyuma bafasha ku buryo bugaragara bukomeye bafasha Inyenzi Inkotanyi. Ubwo rero Inyenzi birumvikana ko zidashaka abo bafaransa ariko rero ni hahandi byanze bikunze babishaka batabishaka Abafaransa bazaza mu Rwanda.

Ubwo rero dutangire tubitegure, dutangire tubitegure kandi nta kundi kubitegura kundi kwitegura abo bashyitsi b'Abafaransa nta kundi kubitegura kundi ndakeka yuko ni ukubabona ku mihanda tukabasekera hanyuma tukabereka ko n'Abatutsi bakeka ko bashize aho bari hose tubana aho ngaho mu makomini mu mujyi wa Kigali hose ko tubana n'abo Batutsi ko Abatutsi batashize nkuko

babikeka hanyuma noneho byaba ngombwa tukab.....tukabahereza indabyo, aho umuntu abonye indabyo abana ku mihanda bakababaherezaa indabyo mbese tukabereka urugwiro birumvikana ahantu nyine hagenzu..hagenzurwa na Guverinoma y'u Rwanda birumvikana ko ahandi mu Nyenzi yenda sinzi uko bazabigenza birashoboka yuko bazanabarasaho ariko rero ku ruhande rwacu tugomba kubasekera tukabohereza indabyo hanyuma noneho..hum! Abasederikazi bacu bo bakabegera hein! Bakabegera, bakababaganiriza, bakababavugisha hanyuma byaba ngombwa nabo bakarya kuri ayo madevises hum! Muzi yuko mu gihe Abafaransa babaga ino FPR yari yarabwiye ibizungerezi by'Abatutsikazi yuko bazajya begera Abafaransa noneho bakabaroga kuva icyo gihe rero Abafaransa bari baratangiye kumenya Abatutsikazi icyo ari cyo ku buryo mu by'ukuri nanjye ubwanjye narabyiboneye iyo indaya zajyaga gutegaindege hariya kuri za hoteri Abafaransa barabanza bakabaza bati uyu si Umututsikazi bamenya ko ari Umututsikazi bakamwihorera ndakeka reo yuko ubwo icyo gitekerezo na none barakigaruye cyane cyane ko FPR Inkotanyi ivuga yuko itabashaka twebwe rero abo Bafaransa turabashaka baze babuze abo bicanyi, baze babuze abo bagome gukomeza kwica Abanyarwanda kuko mu by'ukuri abantu barimo bica abantu babamaze ni FPR Inkotanyi naho ahandi wa mugani w'umuntu nari ngiye kuvuga umugani( Il rit) yambwiye ahandi mu by'ukuri nta bantu tucica ntabo birumvikana yuko abafite abo bica nyine ni FPR Inkotanyi.

Ubwo birumvikana rero yuko abo bagizi ba nabi bo baravuga bati hinga dukomeze nkuko Plan SIMBANANIYE w'Umurundi wari Inko.... w'Inkotanyi nawe wabigishije avuga ati ibyo ari byo byose n'ubwo turi icumi ku ijana b'Abatutsi ariko tuzica n'Abahutu mirongo inani ku ijana ku buryo nabo basigara ari..(Il tousse) hasigara icumi ku ijana noneho tunganye umubare tube mirongo itanu, mirongo itanu. Ibyo rero Inkotanyi nyine zirakomeza zirageregeza kubihanyanyaza zigira ngo zizabigeraho ariko (Il tousse) wa mugani wa Général Major BIZIMUNGU nta bwo bashobora kwica Umuhutu ngo bazamumare ahubwo ni bo bazashyira.

Ubwo rero Abafaransa guhera ndakeka yuko bitazarenza ku wa gatatu batarasesekara ino dutangire tubakire neza mu by'ukuri ntacyo dupfa abo bavandimwe baje kudutabara ngo Inkotanyi ze gukomeza kutubuyereza, ze gukomeza kutujyana hirya no hino abo rero urumva yuko ni ukubakira

neza cyane tubaganiriza, cyane cyane ko tuvuga igifaransa nkabo n'uwagerageza kubabwira "bonjour" nta bwo bihwanye n'Inkotanyi zitazi na "bonjour" uhereye no kuri Caporal KAGAME utazi no kuvuga "bonjour". Ubwo rero Abafaransa twitegure kubakira neza aho bishoboka bashigish akagage babahe, bashigish...bashake akagwa ndetse bashake n'akabyeri bakire abo bantu neza hanyuma noneho bishime bamenye yuko bari mu bavandimwe. Ubwo rero ibizakorwa ku ruhande rw'Inkotanyi, Inkotanyi zo zavuze ngo zikoze "mobilisation générale", ngo abayoboke bazo ni bahaguruke, ngo abasirikare ni bahaguruke ariko se yenda abasirikare bo ndabumva ariko rero abayoboke FPR ivuga ndakeka yuko ari ibinyoni, ibishwi n'ibisiga n'inyamaswa n'ibikeri kuko ahantu hose FPR yigaruriye ni ibyo bihatuye, ubwo rero sinzi ukuntu Abafaransa bazatinya ibikeri bagatinya ibinyamaswa, bagatinya....bagatinya ibyo byose biguruka ndumva nta cyo bizamarira FPR Inkotanyi kuko ica ngombwa ni abaturage.

Kwirirwa wirata ngo wafashe bibiri bbya gatatu by'igihugu, bibiri bya gatatu by'igihugu ni ibyawe urabifite kandi muri ibyo bibiri bya gatatu ariukwirirwa ukora tactique ya SERWAKIRA wirukanka ngo hano nahafashe ngo hano ni ahanjye abantu baguhunga baguhunga ubundi mu by'ukuri iyo ushaka gukora politiki ushaka abantu ntabwo ushaka ibikeri n'i...n'ibinyamaswa n'inzovu n'intare n'iki kuko icyo gihe uba ugiye kuba nka RUHARA RWANKOMOKOMO umwami yishwe n'ibisiga kubera ko gutegeka inyamaswa ibyo ng'ibyo ntacyo bimaze icya ngombwa ni abaturage, abaturage rero n'ubwo bajya muri kimwe cya kane cy'igihugu bose bose we ugasigarana inyamaswa n'ibishwi n'ibikoko nta kintu biba bimaze kuko inyamaswa ntabwo zitora inyamaswa ntabwo zitanga imisoro inyamaswa nta kintu zakumarira uretse kuzijya aaa!

Ubundi nta kindi kintu inyamaswa zamarira umuntu ku muntu urwana ngo azatsinde ibya poliyiki. Ubwo rero nibahamagare inyamaswa, imbogo ifi zijye mu mihanda zitege Abafaransa ariko abaturage bo kurundi ruhande bo bazaba bafatanije nabo bavuganaga igifaransa hanyuma noneho bahige izo nyamaswa ni biba ngombwa n'abandi bantu bihinduye inyamaswa nabo babahige muri ibyo bishanga ahantu bigize ingegera basarura ibyo batabitse . Ubwo rero nababwira iki FPR-Inkotanyi mwabishaka mutabishaka Bwana MITTERAND we aravuga ati "tuzaza", hanyuma akanavuga ati "twebwe tuzaza

kurinda Abatutsi" huum! Ati "twebwe tuzaza kurinda Abatutsi kandi na mwe muri Abatuts"i noneho byarasobanutse yuko ari agatsiko k'Abatutsi ati "ubwo rero ntitwumva impamvu twaza kubarinda mukanga" ubwo rero na bo nyine bazi impamvu ariko nta yindi mpamvu uretse kuvuga bati hinga tubanze twigerageze tumare Abahutu turebe ko twasigaza byibuze mirongo ine ku ijana cyangwa mironngo itatu hanyuma noneho tubone uko twategeka iki gihugu. Ibyo rero byose ni ukwikozaubusa kuko Abahutu barahunga ariko nta bwo bazahunga na bo igihe kinini, nyuma kandi mu by'ukuri urebye Inkotanyi, Inkotanyi urebye muri iki gihe zarazaze, zarasaze kuko uretse MUSEVENI wenyine zisigaranye ubundi nta yindi nshuti zisigaranye n'imwe ku isi ubwo rero kwishakira abanzi bose mu Rwanda ho abanzi baba... barenze kamere impunzi zose zabaye abanzi b'Inkotanyi n'abaturage bandi kuko nta we Inkotanyi zitarahekura muri iki gihe, hari abafite abasirikare ku rugamba, hari ababyeyi bafite abantu i Kigali n'ahandi, i Gitarama abo bose zabasutseho amasasu zarabamaze nta bantu mbese Inkotanyi zikigira mbere zaravugaga ngo zikunda abanyenduga, wapi ibyo byararangiye kuva aho zibirukaniye muri Gitarama zarabeshyaga ngo zikunda, ngo zikunda demokarasi ibyo byo byarazirangiranye, zarabeshyaga ngo zifite inshuti mu mahanga kugera kwa Papa none wapi kwa Papa ntizikihakandagira ku buryo nyine usanga mu by'ukuri ibyazo byararangiye.

**..................25.2.**

Aho zaba... zabaga ziri mu mahoteli hose zivuga yuko zikomeye, zivuga ijambo, zifata amagambo hose ubu ngubu n'Abahutu barahunze basigaye basobanura ibyabo uko bimeze, nyuma kandi gukangisha inshuti muri abantu bake hanyuma ugakeka ko abantu benshi batazagira inshuti ibyo ntibishoboka, abnatu benshi baba bafite inshuiti ziruta izo abant... (coupure) na ko nta kuntu rubanda nyamuke yagira inshuti hanyuma noneho rubanda nyamwinshi ikazibura ibyo ng'ibyo n'ubundi nta bwo bishoboka.

Muri iki gitondo hano muri Kigali byifashe bite? Mu by'ukuri ijoro nta bwo ryaraye neza kereka mu duce tumwe na tumwe uyu munsi rero mu gitondo Inkotanyi zagerageje kwambukira noneho muri Rugenge zivuye hakurya, hakurya ku ki... ku Kacyiru zigerageza guko... zmbukira mu kinamba hanyuma rero ubu ngubu amasasu murimo mwumva ni ingabo z'u Rwanda zirimo zirwana n'izo nkenya z'Inkotanyi zagerageje kwigerezaho, ubwo rero nyine , ubwo ijoro ritakiriho ubundi zitwikira

ijoro ubwo rero nta joro ririho nyine murabyumva akazo kashobotse. Barimo barazinyagira na blindé, barimo barazimenaho ibisasu n'ibi... n'ibyitwa quadruples n'ibyitwa bitubes n'iki mbese nk'uko mwabyumvise amasasu yarabonetse ku buryo nyine Inkotanyi ubu ni ugutega agahanga ubundi tukakamena hanyuma noneho nk'uko babivuze izizashaka ko tubana zizashyira intwaro hasi ubundi nta yo dushaka yuko izasubirayo iri nzima.

Hanyuma uyu munsi na none i Nyamirambo urebye nta masasu menshi arimo ahavugira uretse ka kabunda gasakuza kitwa "Milou", Milou abaturage rero bakaboneye izina bakise "Injajwa", bakise "Injajwa" kuko urebye ukuntu gaturitsa udusasu ca, ca, ca, ca, ca, ukagira ngo Inkotanyi ziri hafi ndetse izina koko ni ijajwa ni ijajwa ni nk'umuntu uvuga utugambo w'injajwa nyine utugambo twasa... nk'utwa Milou rero ni two twazindutse dusakuza ariko abaturage nyine baratumenyereye abantu barisekera gusa bakumva nta kintu tuvuze.

Mu mujyi hagati icyo nababwira nari nagiye kureba ni uko hari ikintu cyabaye abantu bakeka yuk... bagishidikanyaho (arakoroye) kubagenda ku bagenda ku isoko murabona hafi yo kwa NYIRIMANZI Natanayeli ku iduka rye rihari hirya yaho hari inzu ya étage irimo ahantu basaniraga inkweto hitwa ASCO hanyuma na ASPAR ubwo rero ayo masosiyeti aho yakoreraga muri iyo nzu ya étage nijoro abantu bajemo barasa stream, barasa amasasu ameze nka grenade amwe bashumika ku mbunda ageze kuri atanu bayarasa kuri za bariyeri, bayarasa no mu isoko. Hanyuma ubwo nyine birumvikana ingabo z'u Rwanda zahise zitabara zikikiza iyo nzu, mu gitondo rero ukuntu byagenze hazindukiye blindé irasa iyo nzu, irasa iyo nzu ku buryo narebye koko ya... yayangijije bikomeye hanyuma noneho bagiye ku rebamo basanga harimo bwa bwana bw'ubusazi bwitwa mayibobo butatu... (coupure).

***Fin de la face A.***

*FACE B.*

La face est vide de 0.0 à 16.4.

Orateur: KANTANO.

....... bon! Bagomba kuba bamanutse ubwo rero nibareke dusake mu mazu hose mu bikari byose iziri inyuma, inyuma yo kwa ba Ndamage he hose turebe aho abo bantu baba bagiye. Abantu bo bakomeje kwemera ko ari Inkotanyi nazo zitarenze ebyiri cyangwa eshatu zari zihihishe ku buryo zashakaga kuza kurasa mu isoko rya Nyarugenge. Ubwo rero ababishinzwe bakomeze babe maso bakurikirane barebe niba koko ari Udukotanyi kugira ngo tutaza kongera kwimuka tukimuka tukimuka ugasanga twageze n'ahandi tutagomba kujya... mukomeze rero mube maso abari kuri za bariyeri mukomeze murunguruke murebe aho utwo Dukotanyi dushobora kujya ariko na none birashoboka yenda ko atari Inkotanyi ari ba mayibobo barimo bagira, barimo ba.... barimo basakuza nkuko babisanganywe ariko rero, ariko rero ...(inaudible) zarashwe n'imbunda, zarashwe n'imbunda si na grenade ngo umuntu arazitera n'intoki ni ukureba rero izo streams ahantu zavuye n'abazikoze abo ari bo cyane cyane bakoresheje kujya kureba hirya no hino inyuma mu bikari bakarunguruka neza bakitonda bakareba koko niba nta Nkotanyi iri yihishemo igenda yigira imbere gato gato. Hanyuma ibyerekeye hariya Kabakeme muri Segiteri Rugenge ubwo birumvikana nyine yuko Interahamwe abantu bose bagomba gutabara vuba vuba, Interahamwe aho kwirirwa hejuru y'amamodoka zijyana imbunda ni ukwirukanka zigatabara aho ngaho habaye ingorane nkuko zatabaye i Nyamirambo mu by'ukuri ejo zatabaye vuba vuba zirirukanka, zirirunkaka mbese bagiye... bazamutse umuhanda wa Nyamirambo nk'abagiye kureba umupira birukanka kabisa n'imbunda buri muntu hanyuma noneho Inkotanyi zihabonera akaga. Ubwo rero dukomeze dushime izo nterahamwe ariko zigomba kugira discipline, zigomba kugira discipline hanyuma dukomeze dushimire n'abasirikare bari ku rugamba bakomeze kugaragaza ubutwari ariko na none birumvikana tugakomeze..... nk'ibigwari ari ko na none ariko rero Général Major BIZIMUNGU Agusitini yavuze yuko nta gihe cyo guhendahenda kigihari uzakora neza azajya akora neza uwutabishoboye kwaheri azagende ajye ibyo yashoboye gusahura igihugu nguko uko ibintu bimeze dukomeze kumva RTLM Radio yigenga ivugira hano i Kigali Inkotanyi nta bwo zizi ikigejeje uru Rwanda aha, ikigejeje uru Rwanda aha n'Imana y'u Rwanda n'Abanyarwanda

n'amaboko y'Abanyarwanda n'ubwenge bw'Abanyarwanda. Gukomeza rero uvuga ngo urabateramo ibibunda n'iki ngo witwaje abazungu ibyo ntacyo bimaze. Ejo abantu bagiye kuneka kuri Rebero l'Horizon kugira ngo barebe neza ukuntu hifashe kugira ngo mu minsi mike tuzajye kuhabyinira mwumvise yuko ari mbere y'itariki ya mbere y'ukwa karindwi niho tuzakirira Abafaransa hanyuma ubwo rero icyo gihe... abantu bagiye kureba basanga ikizungu kiyobora imirwano kiri hariya ku i Rebero kigenda muri ka blindé gato, ka blindé gato gasize, gasize ibara ry'icyatsi kibisi inyuma n'ibara ry'umukara hose ku mpande hanyuma bahasanga n'imodoka ya Minuar ya ka...ya kamyoneti ya kamyoneti ijyana abasirikare b'Inkotanyi barinze uwo muzungu. Ubwo rero ndakeka y'uko ubwo Inkotanyi zitarabutswe amaherezo zizagubwa gitumo kandi ntabwo bitera.

.......19.6.

Abantu rero bakomeje guhemba wa mwana wishe cya kizungu ejo bundi i Nyamirambo hanyuma amafaranga amaze kungeraho mu kanya ni aya Konseye w'umujyi MBYARIYEHE umpaye amafaranga ibihumbi cumi yo gushyikiriza uwo mwana w'intwari burya ubugabo si ubutwari kandi burya ubutwari burya buravukanwa buva mu maraso, buva mu maraso nicyo gituma abantu bavuga bati ariko none se nk'abasirikare bahunga urugamba, nk'abasirikare bahunga urugamba bakajya iwabo kandi bafite imbunda bafite ibikoresho bya ngombwa bakajya kwirirwa babungerana n'abaturage abo basirikare koko ubundi mu by'ukuri bamaze iki. Ubundi bakavuga bati ese abasirikare b'u Rwanda baramutse babaye ba bwoba kandi batabara igihugu aho bo ubwabo hari igihugu batera bagashobora gukurayo iminyago? Icyo gihe rero nyine ni ikibazo gikomeye niyo mpamvu mu by'ukuri mugomba gushyiruka ubwoba abasirikare abasivire tukarwana ku gihugu cyacu kuko yenda hari n'igihe kera wa mugani tuzakenera no kujya kubohoza ibindi bihugu kuko birumvikana nk'i Burundi murabona abasirikare bigize akari aha kajya he ahubwo bakajya batwoherereza Inkotanyi kugira ngo zitumarire urubyaro, zitumarire ababyeyi nibakomeza rero kwigira kuriya babuza kubuza na Perezida w'Umuhutu kuba yategeka kandi ari we rubanda nya mwinshi birumvikana yuko ata kuntu Abatutsi babona MUSEVENI, noneho ngo babure MUSEVENI w'Umunyarwanda wa...watabara Abahutu hariya mu Burundi. Birumvikana yuko amaherezo nitumara gukanyaga Inkotanyi z'ino tuzajya kubonana n'iz' i Burundi hanyuma tukazibaza uko zimerewe noneho ubutegetsi bugakora nkuko bigomba kugenda rubanda nya mwinshi iga..igafata ijambo.

Cassette n°0031 transcrite par U.R.

K0206562



...........21.1.

Hinga rero mbagezeho ubu butumwa, ubutumwa bwanyu.........(coupure).

Orateur : BEMERIKI Valérie.

.....na NKURUNZIZA Ananiya wababwiraga ibya Rugenge ukuntu byifashe. Hano rero i Kigali murabyibuka guhera ejo bundi ubwo nababwiraga ko KAGAME nyine... yaje, yaje hariya ku Mulindi muri Komini Rubungo agira...akabonana na Général AMIDO, AMIDO uriya wungirije DALLAIRE ariko kandi ikindi cyari kimuzanye cyane ni... kwari kugira ngo, ngo asuganye, asuganye Utunyenzi duke tuba twarashoboye gusigara kugira ngo atugezeho ama....amabwiriza mashya yo kugira ngo bagabe ibitero ngo bya simusiga, ngo byo kugira ngo rero babone ng'uko bafata, icyo bo bari bise ngo "Reba capitale de Kampala" aribyo mbese bashakaga kuvuga ko ngo ari capitale umurwa mukuru w'u Rwanda ariwo Kigali. Ubwo rero bikozeho, bikozeho bashaka kugaba ibyo bitero ngo baduterere icyarimwe mu mpande nyinshi z'inkengero z'umujyi wa Kigali zimwe nizo zaje, zaje ziturutse iyo za Nyamirambo ariko zimanutse nyine ku i Rebero nurabizi izindi ng'izo za Gikondo zigenda zisatira iminwa y'imbunda z'abasirikare bacu zigenda zigaramiye nyine zumva ko mbese ari za Matsima ko amasasu ntacyo azikoraho. Izindi na none ubwo ziratataraguritsa zishaka kwomokera hariya, kuri ariya mateme, hari amateme yacu ya kijyambere twiyubakiye zishaka gusenya kugira ngo ziyambukireho rero ngo zitungukiye muri Rugenge zibe ariho zipfumurira bityo ngo zibe zigeze mu mujyi rwagati. Nyamara ariko basanze aho hose nkuko nabibabwiraga ari umutamenwa.

Ejo niho twababwiraga uko i Nyamirambo byifashe na n'ubu ariko nyine imirwano igikomeza ariko usanga ko bigenda bishyira ubutwari bw'ingabo z'igihugu cyacu ziherekejwe n'i...n'urubyiruko rw'u Rwanda bamwe ndetse ejo mwarabyiyumviye nyine abenshi bashoboye gukurikirana Radio RTLM mwiyumviye umwana, umwana KAYIRANGA, KAYIRANGA wishe umuzungu wivuganye umuzungu. umuzungu amutsinda hariya i Nyamirambo kuri Cosmos hafi ya.... hafi ya Café Rio..... nako akaba ariho rero yamutsinze ndetse hakaba harapfuye n'abantu benshi, benshi cyane hakanafatirwa ibintu byinshi cyane, iminyago myinshi intwaro... zirimo intwaro n'amasasu bafata nyine Inyenzi Inkotanyi n'izindi nyinshi zihasiga agahanga ha..haboneka kandi n'abandi barenze

magana abiri bari bakomeretse none uyu munsi byakomeje bari bazi ko ngo ni mu minsi ibiri gusa bari bufate Kigali. Nyamara ubanza birya byo kwiha iminsi bitera umwaku Inyenzi Inkotanyi iyo ziva ku masaha bikagera ku minsi noneho bizagera aho bifate nyine amezi, bifate imyaka, bifate umwaka noneho bizongere bifate imyaka n'imyaka nyamara batazigera bafata nyine uyu murwa mukuru kuko ibyo babonye muri iyi minsi ibiri bari bihaye byonyine byari bigiye kubabera isomo.

..........23.6.

Ubwo aho i Nyamirambo rero zarapfuye zirapfa, zirapfa zibuka amagara kuko iyo ubonye Inyenzi ukuntu zipfa ......(Inaudible) usanga ari ibintu biteye agahinda nka bariya bana b'Abatutsi nyine KAGAME ari kugumya gushumuriza ingabo z'igihugu cyacu kuko rero abo bantu baza babica bica abaturage nta gihe rero ingabo zacu zizabarebera izuba umuntu uzi kwica ntugomba kumurebera iyo umutanze ugomba kumwivuna. Niko rero byagenze ku buryo rero Inyenzi ubu zaguye i Nyamirambo zita n'ibikoresho byinshi babi... babihatakarije ureke nyine abibwira ko ngo ari aba... ari abanyamakuru kurusha abandi akicara iyo za Bujumbura, ati barwaniye, bariho bararwanira kuri Mont Kigali ndetse bamanutse bati bafashe Nyamirambo wagira ngo Nyamirambo na Mont Kigali nyine nibyo bazi nta bindi nyine bakumva nyine ko aho hantu ngo byarangiye ngo hasigaye agace ngo agace gato bakaba bageze mu murwa mukuru nyamara ibi bimaze amezi n'amezi, amezi n'amezi babiririmba ko hasigaye agace gato none aya mezi yose abiri turwa...tumaze turwana arenga ntawaririmbaga ko hasigaye agace gato kugira ngo bagere mu murwa mukuru na n'ubu rero baracyabiririmba niyo ntero niyo nyikirizo ukibaza nyine icyo gihe, igihe nyine bazabigereraho kuko twe duhagaze bwuma kandi ntibashobora no kubigeraho.

Aho rero za Nyamirambo zimerewe nabi kandi na n'ubu baracyazicucuma, baracyazicucuma ku buryo rero usanga ee... ko Inyenzi zihatakariza ubuzima ari nyinshi ari nako zitakaza ibikoresho. Mwiyumviye n'ikizungu rero ngo nk'ikizungu rero ngo kibayoboye kiri hariya ku i Rebero kiriho kigenda mu modoka imodoka isize irangi ry'icyatsi imbere ikizungu gifite ibyanwa ndetse hakaba hari n'imodoka ngo ya Minuar, ya Minuar ibari ihahagaze aho ku i Rebero usanga mu by'ukuri Inyenzi mu by'ukuri nyine ko ibi bintu iyi mi...iyi mirwano iyi mirwano ya badutera... baduteyeho usanga ko mu by'ukuri ko bafashijwe nyine na Minuar none se iyo modoka ya MINUAR yaba ihakora iki ni uko

ariyo ibafasha mu kubagemurira byaba se ibikoresho, amasasu se cyangwa n'ibyo kurya usanga ko mu by'ukuri rero Minuar yagize uruhare runini, runini muri iyi ntambara ee.. uruhare mvuga ni uko nyine Minuar yagiye ifasha ku mugaragaro Inyenzi Inkotanyi ikirengagiza, Minuar ikireng...ikirengagiza ikindi gice cyane cyane nyine kubera uriya DALLAIRE nta n'undi nyine ubitera ni uriya DALLAIRE wakomeje kubikora.

..........25.6.

I Gikondo naho rero i Gikondo naho, naho urebye ni ibintu bishimishije, ni ibintu bishimishije uruhande rw'u Rwanda rw'ingabo z'igihugu cyacu bikaba biteye rero agahinda ku ruhande rw'Inyenzi Inkotanyi ku buryo erega nazo zatangiye gusa nk'izita umutwe naho ku maradiyo yazo urasanga zataye umutwe zihebye zabuze icyo zikora, ziriho nyine ziteza ubwega zishaka kuvuga nyine ko ngo zishaka gukoranya ngo abayoboke bazo ntitubazi abo bayoboke ba...b'Inyenzi Inkotanyi abo ari bo en tout cas hano mu gihugu cyacu, mu Rwanda rwacu abayoboke abazi ko ari abayoboke twababwiye ko bagomba gusanga Inyenzi Inkotanyi ariko hano twe tuzi ko icyo dukora ari kurwanya nyine uwo mwanzi uwo ari we wese.

Gikondo naho rero abaturage bafatanije n'ingabo z'igihugu ingabo z'igihugu zibari imbere ubwo na none bahashyize Inyenzi Inkotanyi aho zari zarbai... aho zari zaribasiye hariya i Gikondo kuri za SEGEM hariya ku mashuri Ecole Zaïroise hariya naho ku isoko ku buryo abaturage bazirukankanye zimwe zahasize ubuzima izirokotse na n'ubu ruracyageretse ingabo zacu n'abaturage baracyazigeretse ku buryo rero bo bavuga bati turarambirwa ari uko tuzishyikiriye tukazicucuma tekereza rero nk'abo bantu bamaze iminsi ingahe batarya banamye aho ku gasozi abaturage n'ingabo zacu rero ku buryo usanga mu by'ukuri ko morale ari nyinshi dore ko nyine bo bavuga bati turarwanira igihugu cyacu ariko abandi mu by'ukuri wareba ugasanga nta kintu na busa, nta kintu na busa ziriho zirwanirira iyo zemera zikubahiriza amasezerano ari ayo guhagarika intambara y'ejo bundi basinyiye i Tunis ari na yandi ya Arusha ya mbere wenda bakareka kutubahiriza ndumva batari kuba bapfa urubozo nka kuriya.

Izo ni inshinga KAGAME, KAGAME uri kugenda mu mutamenwa KAGAME wiyicariye iriya ndetse

ubu akaba yibereye n'i Kampala nta kibazo afite.

bo bakagumya bagapfa urubozo babona nyine ibintu ariho abakorera, nyamara n'ubwo bira...birarira ngo ni ukubohoza igihugu ahubwo bariho barahata ubuzima kuko igihugu cyacu ntabwo kiboshye nta n'ubwo cyigeze kibos...kibohwa nta n'Umunyarwanda, w'Umunyarwanda koko ugiturukamo wigeze ahezwa, ahezwa mu gihugu cye cyangwa se ku byiza by'igihugu cye. Abo rero murumva ko ari urwitwazo ari ka gatsiko k'Abatutsi ba extrémistes gusa baba bashaka gufata ubutegetsi ariko aho ibihe bigeze ubu niba batarumvise sinzi igihe bazumvira nyamara ziragumya gupfa nk'ibmonyo iyo urebye ukuntu ziriho zipfa ukuntu imirambo yandagaye, ukuntu abantu bagenda bayiteragura imigeri, bayihonyora aho mu mihanda ahantu hose urasanga mu by'ukuri Inyenzi nta bwenge zigira, Inyenzi ntabwo zizi umubiri icyo ari cyo.

................27.9.

Inyenzi urareba ugasanga nyine ari ibintu by'ibyihebe koko ni inyeshyamba kuko nta kuntu zaza mu bantu nyine nya bantu usibye kuba zaba nyine mu ishyamba zikabana n'ibyo bisimba. Ubwo rero ari i Gikondo ari i Nyamirambo aho turahizeye cyane twizeye ingabo z'igihugu cyacu ibintu biragenda neza. Ubwo tukaza rero tukagera hariya na none muri Rugenge. Rugenge rero nyuma yuko Inyenzi nyine ee... nkuko nari maze kubibabwira zibasiye hariya kuri Sainte famille, abantu bari bari muri Sainte Famille baravuye za Gisozi bahahungiye zibiraramo nyine zibavuza ibyuma, zibagirira nabi zirabica abandi zirabakomeretsa cyane noneho zitoranyamo Abatutsi zirabirukankana ngo bageze kuri magana atandatu ariko ubundi yabaraga ari igihumbi magana ane mirongo itanu Inyenzi Inkotanyi rero ubwo zari zazamutse zije kugaba igitero nyine nk'uko nyine twabivugaga ko zashaka gufata umujyi zizamukiye iyo ya Sainte Famille ziminuka aha kuri Rond Point zizamuka Rond point nyine zishaka kugira ngo zihite zizamuka zigamije gufata ngo Présidence, Radio Rwanda na Etat major.

Nyamara ariko zigeze aho kuri Rond point nyine zasanze ingabo z'igihugu zihagaze neza hamwe n'Abanyarwanda bose bazikubita inshuro zicyuza icyazizanye izari inyuma zibonye iz'imbere ziko... bizikomeranye ziruka ku kibuno mpa amaguru zigenda nyine zijya kwirara muri abo bantu nibwo nyine igihe a...imirwano yari ikomeye aho ngaho imirambo yari yandagaye aho ari myinshi cyane, hariya kuri za Rond point ku buryo ejo bundi nyine mwumvaga Général Major abibabwira kuko

abaturage ejo ntibiriwe gusa biriwe, biriwe, bahamba nyine iyo mirambo y'Inyenzi Inkotanyi. Ubwo n'izacitse ku icumu igihe iyo mirwano yari igikomeye nizo zagiye urebe amayeri yazo, nizo zagiye zijya zirya aho ngaho muri abo bantu bari ee... kuri Sainte Famille, bari mu mashuri ya Sainte Famille hepfo gato ya Rond Point ee..ziraramo rero muri abo bantu bavuye za Gisozi ziba...zirabica zibateragura ibyuma, abandi zirabakomeretsa nibwo na none nyine abandi bagiye bafunguza abo bantu bari muri..muri Saint Paul n'abandi bari kuri Sainte Famille bamwe barabajyana nyine, murumva bajyanye abageze ku gihumbi magana ane na mirongo itanu ariko ngo bagejejeyo magana atandatu.

Ubwo rero bose ugasanga icyo kintu aricyo bari ......(Inaudible) kugira ngo baze nyine eu...ngo bashaka gufata uyu mujyi. Ubwo rero izindi zaj.....zashatse kwomokera hariya kuri ya mateme, ya mateme yacu ya kijyambere agerekereranye hariya epfo ku Kinamba munsi ya Segiteri Rugenge zihubuka nyine iyo za Gisozi ziraza na n'ubu kuva na n'ejo bundi na nijoro n'uyu munsi zikaba rero zari ziraye aho muri segiteri Rugenge nyine nk'uko nabibasobanuriye zishaka kugira ngo zigere mu mujyi. Ubwo zomokeye aho ariko zisanga ingabo z'igihugu cyacu............(Inaudible) zisanga ingabo z'igihugu zacu ndetse n'abaturage bose ba Segiteri Rugenge, n'urubyiruko rwose rwa Segiteri Rugenge ruri maso maze basanga ari umutamenwa koko zibura aho zinyura ku buryo iryo teme rero zari zaryigaruriye ariko ingabo z'igihugu zifatanije n'urubyiruko zazicucumye, ibyo bita gucucuma, gucucuma aho kuba... utazi uko bacucuma...

...............30.2.

nk'ubu hariya ku...ku kiraro cyo ku Kinamba umuntu ahageze yakumirwa n'imirambo gusa gusa y'Inyenzi Inkotanyi ku buryo rero zabonye, zabonye bizirangiriyeho nazo ziti ikibuno mpa amaguru ziraturubika ziriruka abaturage bazirukaho ku buryo nyine ee...bazirengeje mu kanya rero bati tugiye kuzikorera kugeza igihe tuzifatiye n'utwari twasigaye twose, twose, twose tu... tu... tuturambike aho ngaho ndetse n'izindi aho ziri zibimenye. Ubwo rero muri rya hururu ry'Inyenzi Inkotanyi ryo kugaba ngo ibitero, ibitero bya simusiga ariko zigakoresha ya tactique yabo ya...ya "Serwakira" usanga nyine nta kintu bibamariye, nta kintu bibamariye ku buryo nabo bariho biruka nyine KAGAME nyine turazi icyo ababikiye ni ukugerayo nyine KAGAME akazimenya ubundi akazitoza nyine ... akazigabira ikirukwiye kuko nyine akenshi usanga KAGAME nyine we avuga ati "ingabo zacu nizijye imbere

izisubiye inyuma ni ukuzica". Nguko rero uko ibitero by'Inyenzi Inkotanyi biteye ubwo n'izo ngizo nitutanazibona ngo tuziru... tuzihe ikirukwiriye ikizirukwiriye KAGAME ubwe araziyicira kuko ariryo tegeko ariko kandi abaturage bati non! Ntibishoboka turazikurikirana mbese na KAGAME nashaka naze naze KAGAME umva ko yahagurutse munsi ya tariki ya karindwi, hari tariki ya gatandatu n'ijoro ubwo yavugaga nyine ko agomba ngo guhana, ee...guhana ngo aba G.P avuga nyine ko ahagurutse ngo aje kubakubita ngo agashyi ariko noneho ingabo z'igihugu cyacu ziramubwira ngo noneho ubwe ni ahamanuke aze we ngo ni aze zimwereke ukuntu zimukubita akanyafu ukuntu zimunyuzaho utunyafu ku buryo KAGAME ngo atazongera no kurota, av...atekereza gutera u Rwanda. Ngo ajye yibuka ko rero u Rwanda rudaterwa ko ahubwo rutera.

...........31.6.

Ubwo rero KAGAME baramutumiye, baramutumiye umva ko ngo yigize igihangange niba ari igihangange maze areke gutinya ko yavugaga ko aje guha...aje gukubita udushyi ingabo z'igihugu cyacu ubwo barutumiye rero niba koko ari igihangange niba ari umugabo uvuga ko afite ubushobozi yamanuka kuko bamutumiye ntabwo bamutumiye ingabo z'igihugu zimweretse ko zitamutinya ni amanuke rero baravuga bati maze twe tumunyuze kuri ka kabuno ke utunyafu, utunyafu nka tungahe ngo niho yabyumva. Ubwo rero KAGAME aratekerejwe ku butumire bw'ingabo z'igihugu cyacu ko yamanuka rero akaza bakabonana ngo ye kujya agenda abebera, abebera nk'intuza ngo niba ari umuntu w'igihangange nta bwo yarakwiye kugenda abebera yari akwiye kugenda yemwe wa mugani wa Rukokoma ariko ubanza kwema nyine bibari kure cyane nta n'ubwo bayishora buriya kuza... kuzima ibyo byararangiye ubwo niyo mpamvu rero na KAGAME nawe ariho agenda abebera yububa ashakisha abamugeza aho ashaka cyane cyane yishyigikije Minuar tukumva ngo ari ku murindi, ku Murindi wa Komini Rubungo nyine hano hakurya muri Kigali-Ngali, ukumva ngo yahageze, ukumva rero ni ibintu biyoberanye.

Nguko rero muri make ukuntu urugamba rwifashe ariko kandi aho ni muri Kigali n'ahandi muri OPS Rulindo, OPS Rulindo rero turashimira umuyobozi w'urugamba uri hariya kuri OPS Rulindo ukuntu yitwaye, n'ubu acyitwara akorera igihugu cye. Ni akarere nagezemo ngira ngo narabibabwiye nshiramo rwose n'abaturage ukuntu bavugaga ni..nirebeye ukuntu aho muri OPS Rulindo ukuntu

uyobora ibikorwa bya gisirikare aho ngaho uyobora urugamba muri ako karere yahahije Inyenzi Inkotanyi ndetse zikahasiga agatwe ari nyinshi ndetse bakagenda bakanagera i Kinihira ugasanga ko mu by'ukuri aho ngaho hari Zone Tampon icyo twitaga ko ari akarere katagombye kurangwamo ibikorwa bya gisirikare ariko nyamara Inyenzi zidegembyagamo ukabona ziragenda zigera aho zishaka aho hose zihagerera ari nako zigenda zica abantu zibica urubozo ariko ingabo zacu ziri hariya muri OPS Rulindo cyane cyane uziyoboye yerekanye umurava ku buryo rero igice kinini yakigaruje kandi Inyenzi na n'ubu bakaba bakizikurikiranye Inyenzi zikaba zidatinyuka kugira ngo zihagabe igitero ku buryo iyo zigiye kuhagaba igitero ingabo zacu ziba zihari ari maso.

..............33.4.

Aho hantu rero narahigereye naraharebye mbona mu by'ikuri ukuntu izo ngabo zacu zihakora usanga mu by'ukuri zihagaze neza. Abantu rero biha kugira ngo bavuge ibitari byo bajye babanza bahaguruke bagende bagere ahantu barebe ko twe... ndababwiye nimukurikire Radio RTLM, Radio RTLM ibabwiza ukuri ntabwo dupfa kuvuga ibintu tutabyigereyeho ibyo na byo rero ni ibintu abantu bagomba kumva abantu bihandagaze rero bagashaka kugira ngo wenda banduze kanaka cyangwa se kanaka nibyo mvuga ko Inyenzi iyo zibonye umuntu wazimaze umuntu uriho uzikorera zirahindukira zigashaka kumuharabika zikagira ngo zimuteze urubwa zigamije kugira ngo zishamiranye cyane cyane ingabo z'igihugu cyacu. Ibyo bintu rero ibyo bintu abantu bakwiye kubisobanukirwamo be kujya bapfa kuvuga bati kanaka kanaka ibi n'ibi ariko iyo ari abaturage babivuga ari benshi ahubwo aho niho bagomba kureba ubuyobozi kugira ngo bubanze busuzume icyo kintu burebe ko koko ari cyo. Ariko iyo urebye uriya muntu wo muri OPS Rulindo uriya uyoboye biriya bikorwa ukuntu yarwanye ukuntu yakomeje kugaragaza ubutwari n'ukuntu n'ubu abugaragaza ndetse si muri ako karere gusa na hano za Shyorongi yaraharwaniye uyoboye ibitero byaho hano igihe ejo bundi igihe Inyenzi zari zigabye uriya muhanda kugira mgo zishaka kugira ngo zihafunge ariko rero yazikomye imbere, yazikomye imbere ndibuka rwose ukuntu umusirikare yari avuyeyo ukuntu yadusobanuriye ukuntu Inyenzi zari ziraye ngo zahageze ngo ni ahabo n'ijoro ziriho zigenda zidegembya mu muhanda zivugiriza zinywa amatabi ariko ntibasobanukiwe mu kanya gato abo bantu bose izo Nyenzi zose zari aho ntizamenye urubabayeho zagiye kumva gusa zumva zose ziri hasi nyinshi zahapfiriye zirahagwa. Ibyo rero ibyo bikorwa byose murabona ko ee... baba babikeka nyine umuyobozi w'imirwano muri

ako karere wo mu ngabo z'igihugu cyacu ku buryo rero abantu bari bakwiye kujya bashishoza cyangwa bagakurikirana bakigerera ahantu bakareba uko ibintu byifashe. Na none kandi ibyo byose bikaba biterwa n'abayobozi bacu bariya ba Général nababwiye bariya ba Colonel, bariya ba Lieutenant Colonel, ba Major bande ibyo bikorwa byose ukuntu ingabo zacu zihagaze neza muri uyu mujyi wa Kigali, muri capitale yacu ibyo byose nyine biterwa n'abayobozi bacu ubona koko ko bagomba kurengera igihugu cyacu igihugu cyacu ntigifatwe mpiri. Abo ba Général rero na none nibo ......(Inaudible) nababwiraga ko Inyenzi iyo zibonye ko abajenerari bacu bahagaze neza murabyibuka ukuntu basakuzaga na n'ubu baracyabisakuza nyine bishiramo Général Major, Chef d'Etat Major eee... Général BIZIMUNGU Agusitini nyine bumva ko akenshi iyo babonye umuntu wazi....... wazigeze ku buce ukuntu yabohoje umujyi wa Ruhengeri ibi byo nabibabwiye kuva mbere ko Inyenzi Inkotanyi zitashoboye gufata umujyi wa Ruhengeri zari zawugezemo ariko kubera Général Major BIZIMUNGU Agusitini icyo gihe yari Colonel zituma umujyi wa Ruhengeri udafatwa Ubuyenzi bwose bara... (Inaudible) nigereye kuri Nyamagumba

............35.9.

muzi ko bateye tariki ya munani z'ukwezi kwa Gashyantare mirongo cyenda na gatatu hari...hari tariki ya munani ariko tariki ya cumi nari ndi mu Ruhengeri ubwo, ubwo nyine Inyenzi Inkotanyi bazitsembaga nigerera kuri Nyamagumba mbona ukuntu Inyenzi bazi...zahasize agatwe ari nyinshi cyane, ari benshi cyane ari benshi cyane abantu barahambye irenga icumi imyobo ikuzurana, imyobo miremire bakongera Inyenzi gusa bahambaga nirebera ukuntu ku Musanze bazihambye ukuntu zanganaga ari nyinshi zuzuye aho mu ntoki mbese no mu ngo z'abaturage aho zagenda zica abaturage urubozo ibyo narabyiboneye ndeba ukuntu aho ku i Bereshi hose aho ngaho za tête à gauche hose ukuntu zari zimeze Inyenzi Inkotanyi ndababwira nti ntibishoboka ko Inyenzi zishobora gufata uyu mujyi wa Kigali ibyo ni ibidashoboka murumva rero ukuntu yazihashije aho ngaho aha! Ni ngombwa ko niyaza ino aha ngaha nyine nka kuriya yaje na none zagombaga kumurwanya byanze bikunze bikagaragaza nyine ngo zimuvuga nabi zigira ngo zimuteranye n'izindi ngabo cyangwa se zimuteranye n'Abanyarwanda bandi. Ariko rero icyo kintu narakibasobanuriye nzi neza ko uyu mujyi wa Kigali udashobora gufatwa igihe tuzi ko Inyenzi zananiwe n'umujyi wa Ruhengeri. Icyo gihe ni nde wari uhari ni Colonel BIZIMUNGU Agusitini ubu ni Général Major akaba Chef d'Etat Major w'ingabo

z'igihugu cyacu. na none rero ni ngombwa ko zimwanduza kuko zizi ukuntu azimereye, zizi ukuntu azimereye kuko zizi ko, zari zizi mu masaha mirongo ine n'umunani zigomba gufata umurwa mukuru ariko arahahagarara, ayobo...ayoborana rwose ubutwari ingabo zituma uyu mujyi zitawufata kugeza magingo aya zikaba na none zitarawufata nkanswe ko ubu zatangatanzwe impande zose ariko zikaba zananiwe mu by'ukuri ariko ziriho zigenda zihapfira ari nyinshi. Abo bantu rero urumva ko zigenda zibikoma ku buryo n'ibyo bikorwa bya gisirikare by'ubu ngubu by'iminsi iyi ngiyi iminsi itatu ishize aho Général KABILIGI nawe ayoboye rwose ibyo bikorwa usanga nyine ko Inyenzi zihatakariza ubuzima ari nyinshi ibikoresho byazo byose byinshi biri kugwa mu maboko y'ingabo z'igihugu cyacu n'urubyiruko rwacu ku buryo bagenda bazizanye ee... ba bacancuro b'abazungu bari kuhasiga ubuzima bwabo nabo, ku buryo rero Inyenzi zibaza ziti uriya Général KABILIGI n'akomeza kuriya turashize.

.............................38.0.

Nah ......(Inaudible) nta kindi cya..........twabikoraho usibye kugira ngo tumuteranye n'izindi ngabo. Ubwo ibyo nabyumvaga mu ijwi nyine ngo rya Louise KAYIBANDA abantu bakunda kwibesha ko ari umukobwa wa Nyakwigendera, Nyakubahwa Grégoire KAYIBANDA ariko ntabwo ariwe njye nzashaka umwirondoro we nawe nzi ko nzawubona, nzi ko nzawubona nzawubagezaho ariko nta hantu ahuriye, nta hantu ahuriye na Président wa mbere w'igihugu cyacu Nyakubahwa Grégoire KAYIBANDA, nta na hato bahuriye nabyo nzabibereka uwo ng'uwo nyine yagiye kwigira umuvugizi nyine w'Inyenzi Inkotanyi kuri ya ngirwa Radiyo usanga nyine ariho nta kindi kintu ariho akora nyine usibye nyine kuvuga ama ... amateshwa aba atanahagazeho kuko ......(Inaudible) yavugaga niba rero abantu bariho bacika ku rugamba bahabwa igihano kubera ko batariho barwanira igihugu cyabo batarwanira ubusugire bw'igihugu cyabo birumvikana bene abo bantu nibyo twakomeje kuvuga ni nabyo Chef d'Etat Major, Général Major BIZIMUNGU Agusitini ejo yavuze mu ijambo yagejeje ku basirikare bose kuko nyine abo bantu niba umurimo wabo ari uwo kurwanira igihugu ntibawukore bakwiye ibihano. Ikindi na none ni uko ku rugamba nyine ubona ko Inyenzi zashize, zashize ni uko tubibwira abantu wenda batahibereye ngo barebe ukuntu Inyenzi Inkotanyi zashize kubera iyo mpamvu rero Inyenzi zika....bikabarya mu mutwe bati dukoreshe ya ngirwa radiyo (Elle rigole) bakajya kuri icyo kiradiyo cyabo nyine bagasakuza ubwo bakiha gutuka abajenerali bacu nyine ubwo

KAYIBANDA nyine yari yihaye nyine Jenerali KABILIGI ko nzi ko nyine aho ahagaze ahagaze neza cyane ko ee..izo Nyenzi ziri gupfa inyinshi nyine ari we uyoboye izo ngabo ku rugamba wasanga rero ko bavuga bati ni akomeza bizatuma abantu bacu bashyira reka tumuce intege mbese tumuteranye n'ingabo n'izindi ngabo z'igihugu ndetse n'Abanyarwanda ugasanga rero aricyo kintu Louise yihaye gusakuzamo nyine ariko nyamara nta n'icyo bizamumarira ahubwo bamenye ko na bo baraye bataraye mu by'ukuri kuko abantu bagira batya bakiha kuvuga ngo batoye igihande ngo cya FPR nidutsinda se bazajya hehe abo bantu?

...............39.8.

Bazajya hehe abo bantu biha kuvuga ngo , ngo, ngo bagiye mu gipande cya FPR kandi ko aribyo bintu bigaragara ko tugomba gupfira. Ubwo rero abantu biha kuvuga ngo turagiye ngo tugiye mu gipande cya FPR bari bakwiye gutekereza uko nyuma bagomba kumera. Niba bazabigenza bate ibyo ntitubizi. Kuko umva ko babajyana bakabashyira mu mazu y'Abahutu y'aho mu karere Inyenzi za...zishe abantu zigatuma bava mu byabo bakagenda bakayajyamo bazayagumamo se? Ntibishoboka kuko intambara igiye kurangira kandi izarangira ari ingabo z'igihugu zacu zitsinze ari igipande cya Guverinoma gitsinze abo bantu bagomba kuzava mu byabo. Abo bantu rero bemeye kujya...kujya mu gipande cy'Inyenzi Inkotanyi ni uko na bo ari Inyenzi Inkotanyi na bo ni Inyenzi ni Inkotanyi abo na bo bagomba gukurikiranwa nkuko dukurikiranye ziriya Nyenzi zindi nabo ni Inyenzi nta bwo umuntu agomba kubihorera kuko ni bajya muri iki gihande ngo cy'Inyenzi Inkotanyi na bo niInyenzi-Inkotanyi nkaswe ko nabonye nyine bimwe ba bandi tuvuga ko ari Abahutu bapfuye umutima b'inda ndende niba bararongoye aba... abadamu b'aba... b'Abatutsikazi nta bwo aribo bagomba kubajya mu matwi ngo reka tujye mu gihande cy'Inyenzi Inkotanyi. Niba ari ibyo ni ukuvuga ko uwo Mututsikazi na we aba ari Inyenzi noneho uwo Muhutu akaba igikoresho cye akamukoresha uko yishakiye akamutegeka ati ngwino mu gihande cy'Inyenzi-Inkotanyi tube ariho tujya. Nyamara twe tubabwira kenshi tuti ibyo nta bimenyetso bigaragaza ko uyu muntu ari Inyenzi ko runaka ari icyitso cy'Inyenzi uwo muntu nta muntu n'umwe ugomba kumukoraho yaba Umuhutu yaba Umututsi yaba Umutwa nta muntu..........(Coupure).

*FIN DE LA CASSETTE.*

Cassette n°0031 transcrite par U.R.